REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NZERI 2022

10 Ukwakira 2022

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO MU KWEZI KWA NZERI 2022

Ikigo cy’igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy’ihindagurika ry’ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2022. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw’u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 17,6% mu kwezi kwa Nzeri 2022 ugereranyije na Nzeri 2021. Ibiciro muri Kanama 2022 byari byiyongereyeho 15,9%.

Muri Nzeri 2022, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 33,2%, ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byiyongereyeho 7,9%, ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byiyongereyeho 14,5% n’ibiciro by’amacumbi n’amafunguro byiyongereyeho 18,8%.

Iyo ugereranyije Nzeri 2022 na Nzeri 2021, usanga ibiciro by’ibintu bitarimo ibiribwa n’ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 13,6%.

Iyo ugereranyije Nzeri 2022 na Kanama 2022, ibiciro byiyongereyeho 2,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,8% n’ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byiyongereyeho 1,8%.

### B. Ibiciro mu byaro

Muri Nzeri 2022, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 28,5% ugereranyije na Nzeri 2021. Ibiciro muri Kanama 2022 byari byiyongereyeho 23,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Nzeri, ni ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 44,8% n’ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byiyongereyeho 13,8%.

Iyo ugereranyije Nzeri 2022 na Kanama 2022 ibiciro byiyongereyeho 3,8%. Iri zamuka ryatewe ahanini n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,8% n’ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byiyongereyeho 3,5%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Nzeri 2022 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 23,9% ugereranyije na Nzeri 2021. Muri Kanama 2022 ibiciro byari byiyongereyeho 20,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Nzeri 2022, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 41,2% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 11,1%.

Iyo ugereranyije Nzeri 2022 na Kanama 2022 ibiciro byiyongereyeho 3,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,5%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2021 kugeza muri Nzeri 2022.**

| **Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva Nzeri 2021 kugeza Nzeri 2022** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | ***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*** | | | | | | | | | | | | |
| | **2021** | | | | **2022** | | | | | | | | |
| | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | -0,9 | 0,6 | 1,0 | 1,9 | 4,3 | 5,8 | 7,5 | 9,9 | 12,6 | 13,7 | 15,6 | 15,9 | 17,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -4,8 | -6,0 | -6,4 | -4,7 | -0,8 | 3,1 | 4,3 | 11,0 | 16,4 | 17,9 | 22,5 | 23,6 | 28,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | -3,2 | -3,3 | -3,4 | -2,0 | 1,3 | 4,2 | 5,6 | 10,5 | 14,8 | 16,1 | 19,6 | 20,4 | 23,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,6 | 0,6 | -0,5 | 0,0 | 2,1 | 1,8 | 3,1 | 2,4 | 1,9 | 0,8 | 1,7 | 0,5 | 2,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -0,1 | -0,7 | -1,1 | 0,1 | 2,9 | 4,5 | 2,6 | 4,7 | 2,3 | 1,5 | 3,5 | 1,6 | 3,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,2 | -0,1 | -0,9 | 0,1 | 2,5 | 3,3 | 2,8 | 3,7 | 2,1 | 1,2 | 2,7 | 1,1 | 3,1 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw